MISA Y'AMAVUTA MATAGATIFU KU NYUNDO

Kuri uyu wa gatatu tariki ya 17/04/2019, ku Nyundo habereye Misa y'Amavuta Matagatifu ; muri icyo Gitambo cya Misa cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Nyundo, niho hakorwa n'umuhango wo gusubira mu masezerano y'Abapadiri baba baragiriye imbere y'Umwepiskopi n'imbaga y'Imana batumweho. Hamwe n'imbaga y'abakristu baturutse hirya no hino Umwepiskopi yagize ubutumwa atanga muri rusange ku bakristu no ku Basaseridoti.

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu, Bavandimwe, ntangiye mbasuhuza kandi mbifuriza Umunsi mwiza. Kristu Yezu akuzwe.

Uyu munsi twongeye guhurira ahangaha muri iki Gitambo cy'Ukaristiya ngarukamwaka tumenyereye gukurikiramo umuhango wo guha umugisha amavuta matagatifu muri iyi Missa nyine yitwa Misa y'Amavuta Matagatifu. Koko rero nk'uko tubimenyereye muri iyi Misa turaha umugisha amavuta y'abigishwa, amavuta y'abarwayi n'amavuta ya Krisma. Amavuta matagatifu nk'uko mubizi tuyiyambaza mw'itangwa ry'amasakramentu anyuranye: muri Batisimu y'abakuru n'abatoya, mu isakramentu ry'Ugukomezwa, mw'isakramentu ry'Ugusigwa kw'abarwayi, ndetse no mu gihe cy'itangwa ry'Ubusaserdoti n'Ubwepiskopi.

Iyo tugiye mu Isezerano rya kera, tubona ko amavuta yiyambazwaga mu iyimikwa ry'abami, abasaserdoti bakuru ndetse n'abahanuzi. Mu by'ukuri izo ngezo uko ari eshatu zikaba zinatwibutsa Kristu : Umusaserdoti, Umuhanuzi n'Umwami. Kristu akaba ari rya zina ritwibutsa Uwasizwe na Nyagasani. Niyo mpamvu natwe dusigwa yamavuta matagatifu ya Krisma kuko duhamagarirwa

gusa na Kristu, natwe tukaba abasizwe na Nyagasani. Nk'uko kandi Mutagatifu Yakobo abitubwira, amavuta y'abarwayi kuva kera kose yakoreshaga kugira ngo yorohereze abarwayi ku mubiri no kuri roho kugira ngo bashobore kwihanganira ububabare kandi bahabwe imbabazi z'ibyaha. Na none kandi hakaba n'amavuta y'abigishwa asigwa abari mu nzira ya Batisimu kugira ngo bahabwe imbaraga zo gukomeza kumva neza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu no gukomeza kubaho gikristu.

Uyu munsi ariko kandi ni n'umunsi mukuru wihariye w'Abasaserdoti. Mboneyeho rero no kwifuriza Abasaserdoti mwese n'abadiyakoni ba Diyosezi yacu ya Nyundo, umunsi mukuru mwiza wacu. Bisanzwe bimenyerewe ko ku munsi nk'uyunguyu, Umwepiskopi atura igitambo cy'Ukaristiya akikijwe n'abasaserdoti bose ba Diyosezi ye nk'ikimenyetso cy'ubumwe n'ubufatanye bugomba kuba hagati y'Umwepiskopi n'abasaserdoti ba Diyosezi ye. Ndetse ukaba n'umwanya ku Basaserdoti wo kuvugurura amasezerano baba barakoreye imbere y'Umwepiskopi n'imbere y'imbaga ntagatifu y'Imana igihe bahabwaga isakramentu ry'Ubusaserdoti. Ndabashimira namwe mwese Bakristu, mbaga y'Imana mwaje kwifatanya n'abasaserdoti banyu kuri uyu munsi wabahariwe kandi mbasaba ngo mukomeze kubasabira kugira ngo bakomeze barangize neza imirimo mitagatifu bemeye gukorera Kiliziya babigirira urukundo rwa Kristu.

Reka rero twifashishe aya masomo matagatifu tumaze kumva mu kanya atwibutsa iby'uyu munsi mukuru w'Amavuta matagatifu. Mu isomo rya mbere Umuhanuzi Izayi yatweretse ukuntu Imana yamutoye ikamusiga amavuta kugira ngo agire imbaraga zo gushyira abakene Inkuru Nziza, kugira ngo ajye komora abafite umutima wamenaguritse, kugirango ajye gutangariza imbohe ko zibohowe n'abapfukiranwaga ko bafunguwe, kugira ngo ajye kwamamaza impuhwe z'Uhoraho, kugira ngo ajye guhumuriza abari mu cyunamo.

Basaserdoti ba Diyosezi yacu ya Nyundo, ububutumwa Umuhanuzi Izayasi yahawe, yatorewe, ndagira ngo mujye mubuhuza n'ubutumwa namwe Kiliziya yabahaye igihe muhawe isakramentu ry'Ubusaserdoti kubushake bwanyu ntagahato karimo. Nk'uko nkunda kubigarukaho nifashishije igitabo cy'amategeko ya Kiliziya ***(Droit Canon)*** ni ngombwa ko duhora twiyibutsa ko umusaserdoti nk'umuhuza w'Imana n'abantu, afite inshingano nyinshi, ariko zihiniye muri eshatu z'ibanze : **Kwigisha imbaga y'Imana, Gutagatifuza imbaga y'Imana no Kuyobora imbaga y'Imana.** Ibyo akabikora yibuka ko ari umuntu wasizwe amavuta y'ubutore nk'uko byagendekeye umuhanuzi Izayi. Umusaserdoti akarangiza izo nshingano zikomeye yigana umusaserdoti mukuru

Yezu Kristu, agerageza kugera ikirenge cye mu cya Kristu. Niyo mpamvu ubutumwa bw'umusaserdoti atari umurimo usanzwe nk'iyindi yose dusanzwe tuzi. Ntabwo ari umurimo ukuzanira indonke. Ntabwo ari umurimo ukugira igihangange muri Sosiyete. ***(Ntabwo ari promotion Sociale)*** Ni umurimo w'ubwitange ***(Le don de soi).*** Ni ukwitanga nk'uko Kristu yatwitangiye. Niyo mpamvu ushatse gusobanura Umupadiri uwo ari we, wamwita undi Kristu. Mu kilatini tubyita: ***Sacerdos Alter Christus***. Igihe dusohoza ubutumwa bwagisaserdoti rero, tujye twibuka uwadutumye, tubukore tudaharanira inyungu z'isi, ahubwo tubukore twibuka ko na Kristu atazanywe no kuragagirwa ahubwo kugaragira nk'uko tubisoma mu bitabo bitagatifu. Umushumba wa Kiliziya ku isi yose Papa Francesco, ahereye kuri aya mavuta matagatifu twasizwe, aravuga ngo umusaserdoti mwiza umubwirwa n'uko ahora yiteguye gusiga nawe imbaga y'Imana yaragijwe. Papa aravuga ati : iyo umusaserdoti yigishije neza abakristu be ivanjiri, akayihuza n'ubuzima bwabo, akabayobora neza ku Mana, akabatagatifuza, icyo gihe aba yabasize yamavuta y'ubutore, maze nabo bagahinduka abatowe.

Nk'uko twabyumvise kandi mu gitabo cy'ibyahishuriwe na Yohani Intumwa, umusaserdoti mwiza ni ugerageza kuba umuhamya w'indahemuka nka Yezu Kristu. Kuba indahemuka, inyangamugayo mu myitwarire ye yose haba mu byo avuga, mu byo akora kuko agomba kuba rya tara ryaka kandi rikamurikira imbaga y'Imana ashinzwe. Bityo yambaga y'Imana nayo igakunda ikayoboka inzira ya Yezu Kristu. Yohani Intumwa yongeye kutwibutsa ukuntu Kristu yadukunze kandi n'ubu adukunda. Yadukijije ibyaha akoresheje amaraso ye. Urwo rukundo Yezu yadukunze akemera kutwihaho ifunguro ridukiza ni rwo tuzirikana mu gitambo cy'Ukaristiya umusaserdoti aturira imbaga y'abakristu. Ni rwo umusaserdoti agomba guhora atoza abakristu muri kwa kwamamaza Inkuru Nziza, muri kwa kuyobora imbaga y'Imana no kuyitagatifuza. Papa Francesco abigarukaho kenshi yibutsa ko Umusaserdoti agomba kurangwa mbere na mbere n'urukundo n'impuhwe. Umusaserdoti mwiza agomba kuba umuntu ubanira abandi neza, birumvikana ahereye kubo basangiye ubutumwa muri Paruwasi cyangwa mu yindi mirimo. Umusaserdoti mwiza agomba kuba wa muntu utuma abafite ubuzima bushaririye bugarura uburyohe. Agomba kwirinda icyababaza bagenzi be cyangwa se abakristu ashinzwe. Umusaserdoti mwiza ni ugirwa inama akazumva kandi nawe akazigira abandi cyane cyane ko umusaserdoti ari umuganga wa za Roho.

Mu mwaka ushize mu kwezi kwa gatandatu, i Roma habaye umwiherero w'abapadiri n'abafaratiri barengaga 1.000, Papa Francesco agira akanya ko kuwutangamo inyigisho, ababwira izi nama nagerageje gushyira mu kinyarwanda ngira ngo mbasangize.

Papa aravuga ati, mbere na mbere umusaserdoti agomba kuba umuntu ufite umutima w'umushumba uhora ahangayikishijwe n'intama ze. Ibi kandi nawe akabivuga ahereye kuri rwa rwandiko rwa Papa/ Mutagatifu Yohani Pawulo wa II rwo ku wa 25 Werurwe 1992 : « *Pastores Dabo Vobis* ». Abapadiri mwese muraruzi n'ibirukubiyemo. Izo inama cumi rero Papa agarukaho kugira ngo umusaserdoti arangize neza inshingano ze n'izi:

1. Umusaserdoti agomba gucengera imitima y'abakristu be, akamenya kwegera buri wese, akirinda ko hagira uzimira.
2. Umusaserdoti yegera intama ze, akajya gushakashaka iyazimiye.
3. Umusaserdoti ntagomba kuvuga ngo bakristu ntimukaze kunderanja ntagihe mfite. Igihe cy'umusaserdoti ni icy'abakristu be.
4. Umusaserdoti ntagomba gutinya ko yavugwa ibitamushimishije, ko yagawa. Agomba kwakira n'abatavuga rumwe nawe, agomba kwakirana ubwuzu ibitekerezo by'abandi kabone niyo byaba bidahuje n'ibye.
5. Umusaserdoti agomba kwitanga wese, Papa yongeraho ko atagomba kwizigama.
6. Umusaserdoti amenya intama ze nazo zikamumenya. Ntagomba kuba umushumba utinyitse, uwo intama zihunga, ahubwo agomba kuba uwo ziza zegera.
7. Umusaserdoti agomba kuyobora imbaga ashinzwe mu nzira y'ubutungane, ntawe anennye, ntawe aheje. Papa aravuga ngo Umusaserdoti ntagomba gutinya kwiyanduza.
8. Umusaserdoti agomba kuba umuntu uzi kwicisha bugufi, ntagomba kuba wa wundi ushaka guhora ahabwa ibyubahiro.
9. Umusaserdoti agomba kuba umugabuzi w'amahoro, agomba guhora yiteguye guhuza abashyamiranye.
10. Umusaserdoti agomba kuba utera ibyishimo, ntawe agomba kuremerera. Agomba kugira umutima w'impuhwe.

Mu ivanjiri, Luka Mutagatifu nawe yagarutse kuri za nshingano z'uwasizwe kandi utwikiriwe na Roho wa Nyagasani. Basasersdoti Bakristu, mu byo dukora byose, mu byo dutekereza byose, mu migambi yacu ya buri munsi tujye duha umwanya na Roho Mutagatifu twahaweho urumuri rutumurikira muri iyi si. Iyi

si yacu ya none, irimo byinshi bidukurura bishaka kuducisha izindi nzira zitari iza Yezu Kristu. Kugira ngo tubitsinde rero ni ngombwa ko tuba abantu bayobowe na Roho mutagatifu.

Basaserdoti, twegere abakristu bacu tubafashe guca neza mu by'iyi si bihita, tubafashe kubaka no guha agaciro imiryango yabo, tubafashe guha abana babo uburere bwiza, twite ku rubyiruko rwo mizero ya Kiliziya y'ejo hazaza. Abasaseodoti nk' abahuza b'Imana n'abantu dufashe abakristu kubana mu mahoro, bashingiye kuri rwa Rukundo Yezu Kristu yadukunze, mu miryango yabo harusheho kugaragara impumeko y'ububworoherane, y'ubufatanye, bityo abana bakurane umutima wa kimuntu kandi wa gikristu.

Reka nsoze nongera kwifuriza abasaserdoti ba Diyosezi yacu ya Nyundo kuba abasaserdoti beza ku rugero rwa Kristu we Musaserdoti Mukuru. Basaserdoti murabe koko ba "***Sacerdos Alter Christus***

Na none kandi ngasoza mbahamagarira mwebwe mwese bakristu gufasha abapadiri banyu, kubasabira cyane cyane ngo Nyagasani akomeze abongerere imbaraga n'ubuzima bwiza bityo bakomeze kumubera abahamya. Na none kandi nk'uko Ivanjiri ibitwibutsa buri gihe, imyaka yeze ni myinshi ariko abasaruzi ni bake. Twese rero dufatanyije dukomeze dusabe Nyirimyaka kohereza abakozi mu mirima ye.

Nyagasani Yezu nabane namwe

Umwepiskopi aha umugisha amavuta ya Chrisma

Abasaseridoti bafatanya n’Umwepiskopi mu gikorwa cyo guha umugisha amavuta ya Chrisma

Uyu munsi waranzwe n’ibyishimo, wasojwe n’ifoto y’urwibutso ku bapadiri bose hamwe n’Umwepiskopi wacu,hakurikiraho gusangira n’ifunguro rya saa sita hamwe na we.

Padiri Jean Marie KWIZERA